# UBUTUMWA NYIRUBUTUNGANE PAPA FRANSISKO YAGENEYE UMUNSI MPUZAMAHANGA WA 57 WO GUSABIRA ABAHAMAGARIRWAUBUTUMWA MURI KILIZIYA

## IBIRANGA BURI MUHAMAGARO



**Ku wa 03 Gicurasi 2020 – Icyumweru cya kane cya Pasika**

# UBUTUMWA NYIRUBUTUNGANE PAPA FRANSISKOYAGENEYE UMUNSI MPUZAMAHANGA WA 57 WO GUSABIRA ABAHAMAGARIRWA UBUTUMWA MURI KILIZIYA

## IBIRANGA BURI MUHAMAGARO

Bavandimwenkunda,

Tariki ya 4 Kanama 2019, ubwo twahimbazaga isabukuru y'imyaka 160 Mutagatifu Yohani Mariya Vianney, wabaye Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Ars(mu gihugu cy'Ubufaransa), nandikiye ibaruwa abapadiri, bo begurira buri munsi ubuzima bwabo Nyagasani wabahamagaye bitangira imbaga Ye.

Ibyo byatumye, mpitamo kwifashisha amagambo ane y'ingenzi aranga umuhamagaro ngamije gushimira abapadiri no kubashyigikira mu ubutumwa bwabo : **ububabare , ugushimira , ubutwari no gusingiza**. Kuri uyu munsi duhimbaza ku nshuro ya 57 Umunsi Mpuzamahanga wahariwe gusabira abantu bose bahamagarirwa ubutumwa muri Kiliziya, nasanze byaba byiza kongera kwifashisha aya magambo nyerekeza ku mbaga y'abana b'Imana; ndabikora nzirikana ibyabaye kuri Yezu na Petero mu masaha y'ijoro ubwo bahuraga n'umuhengeri mu kiyaga cya Tiberiya ( Reba Mt.14,22-33).

Nyuma yo gutubura imigati bigashimisha kandi bigatangaza imbaga nyamwinshi, Yezu yategetse abigishwa be kujya mu bwato no kumutanga hakurya igihe agisezerera rubanda.Uru rugendo rwo kwambuka ikiyaga rushushanya inzira y'imibereho yacu. Koko rero, mu buzima bwacu tugenda intambwe ku yindi, ntiduhwema guhura n'imivumba iduhungabanya n'ubwo tuba twifuza kubugeza aheza ; mu buzima kandi duhora twiteguye guhangana n'ingorane zitabura ndetse no kwishimira ibyiza. Ariko kandi mu buzima buri wese yifuza icyamufasha guha icyerekezo cyiza ubuzima bwe. Nyamara birashoboka ko muri icyo cyerekezo umuntu ashobora kuyoba, kudashishoza neza, aho kumurikirwa n'urumuri rumwerekeza ku cyiza , ubuzima bwe bugatwarwa n'imihengeri iterwa n'ingorane , gushidikanya n'ubwoba bitabura mu bantu.

Ni nako byari bimeze mu mitima y'abigishwa, bari bahamagariwe gukurikira Umwigisha w'I Nazareti,bagombaga kwiyemeza kwambuka bagana inkombe yo hakurya ,ibyo bigakorwa bagira ubutwari bwo gushyira ku ruhande ubumenyi n'ubushobozi bwabo bwite bakiringira kandi bagakurikira Nyagasani.Urwo rugendo ntirwaboroheye ! Bwabiriyeho, imihengeri iraza, ubwato butwarwa n'imiyaga ! Ibyo byatumye rero bagira ubwoba ko batarashobora kugera aho bagana no kugera ku cyo Yezu yariyabahamagariye.

Ivanjili itubwira ko muri urwo rugendo rutoroshye tutari twenyine. Nyagasani akoresha ububasha bwe maze agatera icyezezi mu ijoro, aza agenda hejuru y'amazi arimo imivumba asanga abigishwa be; asaba Petero kuza amusanga agenda ku mazi arimo umuhengeri. Yezu atabara Petero igihe abonye ko atangiye kurohama hanyuma akurira mu bwato agahosha umuyaga.

**Ibi biratwereka ko icya mbere kiranga umuhamagaro ari ugushimira**. Kwambuka tugana ku nkombe ikwiye ntitubikesha ubushobozi bwacu bwonyine kandi ntibiterwa gusa n'ingendo twashyize muri gahunda zacu. Kugira ngo dushobore kugera ku byifuzo by'igikwiye tubereyeho n'indi mishinga yacu ntabwo ari umusaruro w'ibyemezo byacu twenyine; ahubwo tubikesha mbere na mbere uburyo twumvira ijwi riturutse ku Mana. Nyagasani niwe utwereka inkombe tugenda tugana kandi akaba ari nawe uduha ubutwari bwo kurira tujya mu ubwato. Muri uko kuduhamagara ni nawe utubera umusare uduherekeza, akatwereka inzira, akaturinda kugwa mu bishuko byo gucika intege kugeza naho adushoboza no kugenda ku mazi arimo imivumba.

Umuhamagaro wa buri wese ubaho igihe ahuye na Yezu uza amusangana indoro yuje urukundo ; urwo rukundo nirwo rutuma adusanganira, yemwe na cya gihe ubwato turimo bwahuye n'umuhengeri. " Umuhamangaro ni ukumvira ijwi ry'Imana idutora ku buntu kuruta uko ari uguhitamo kwacu bwite'' ( Reba Ibaruwa Papa Fransisiko yandikiye abapadiri ku wa 4Kanama 2019). Niyo mpamvu kugira ngo dushobore kumenya umuhamagaro wacu no kuwusobanukirwa bidusaba kugira umutima ushimira Imana kandi ukamenya kwakira Imana ihorana natwe mu buzima bwa buri munsi.

Igihe abigishwa babonye Yezu abasanga agendera hejuru y'amazi baketse ko ari Baringa maze bagira ubwoba. Nyamara ako kanya Yezu abahumuriza akoresheje ijambo rigomba guhora riherekeza ubuzima bwacu n'inzira y'umuhamagaro wacu : " Nimuhumure, ni jye; mwigira ubwoba" ( Mt 14,27).Ibi biraganisha **ku cya kabiri kiranga umuhamagaro nshaka kubagezaho: ubutwari**.

Kenshi na kenshi ikitubuza kugenda, gukura no guhitamo inzira Nyagasani yaduteguriye ni za baringa zirwanira mu mitima yacu. Iyo duhamagariwe kureka inkombe twihambiriyeho ngo twinjire mu nzira y'umuhamagaro utuganisha ku butore bwacu nko gushinga urugo gikristu , kwinjira mu rwego rw'Ubusaserdoti nyobozi, kwiyegurira Imana, rimwe na rimwe turangwa no gutwarwa n'igishuko gikomoka kuri baringa yo gushidikanya. Maze tukibaza niba iyo nzira yashoboka kuri twe, niba ari inzira idukwiye, inzira nyayo, niba koko aricyo Nyagasani adukeneyeho.Buhoro buhoro, uko iyo myumvire , ibyo bisobanuro n'ubwo buryo bwo guteganya bikura muri twe , ubushake n'imbaraga twari twifitemo bigenda bikendera , tugasigara dusa n'abamugariye ku nkombe twagombaga guhagurukiraho. Bityo tugatangira gutekereza ko twayobye, ko tutabishoboye, mbese ko twabonye baringa igomba kwirukanwa.

Nyagasani azi ko guhitamo inzira y'ifatizo iganisha ku muhamagaro nko gushinga urugo gikristu cyangwa kwiyegurira Imana bisaba ubutwari. Nyagasani azi kandi ibyo twibaza, ugushidikanya n'ingorane bigonganira mu mitima yacu mu nzira turimo tumugana; niyo mpamvu aduhumuriza agira ati, " mwigira ubwoba , ndi kumwe namwe". Kwemera ko Nyagasani turi kumwe ko aza adusanga kandi ko aduherekeza no mu gihe hari imiyaga ikarishye, bitubohora kuri iyo myumvire nigeze kwita ''akababaro gatuje""( Reba ibaruwa Papa Fransisiko yandikiye abapadir ku wa 4 Kanama 2019) : ni ukuvuga kumva imbaraga mu bya roho zashize maze bikakubuza gusongongera ku byiza by'umuhamagaro .

Muri ya baruwa nandikiye abapadiri ku wa 4 Kanama 2019 , navuze no ku **mubabaro** . Cyokora muri ubu butumwa ndashaka gukoresha ijambo **umunaniro**. Buri muhamagaro usaba kugira icyo wiyemeza. Nyagasani aduhamagara kubera ko ashaka kuduhindura nka Petero,tukabasha "kugenda ku mazi". Ibi bisobanuye ko Nyagasani ashaka ko duhitamo tubikuye ku mutima kuberaho guhamya Inkuru Nziza ; ibyo bikagaragara mu buryo bwo kubaho Nyagasani atwereka, by'umwihariko mu buryo bunyuranye abalayiki bagaragazamo umuhamagaro wabo, mu muhamagaro w'Abasaserdoti

n’abihayimana. Nyamara dusa nka Petero; dufite icyifuzo n’imbaraga umuhate,ariko nanone tugaragaza intege nke n’ubwoba.

Niduheranwa no gutekereza ku nshingano tugomba kuzuzamu buzima nk’ abubatse ingo gikristu , Abaseserdoti n’abihayimana,cyangwa ingorane tuzahura nazo, ntituzaba tugihanga amaso Yezu, maze nka Petero dutangire kurohama. Nyamara muri izo ntege nke n’ubukene bwacu, ukwemera kudushoboza kugenda tugana Nyagasani Yezu wazutse, no gutsinda imihengeri.Mu by’ukuri, igihe tunaniwe cyangwa dufite ubwoba ku buryo dushobora kurohama, Yezu aduhereza ikiganza,kandi akaduha n’imbaraga dukeneye kugira ngo dushobore kwakira no kubaho umuhamagaro wacu mu byishimo n’umunezero.

Igihe Yezu ageze mu bwato , umuyaga n’imivumba birahosha . Iki ni ikigereranyo cyiza cy’ibyo Yezu akora mu buzima bwacu no mu mateka yacu yuzuye ibibazo n’ibikomere, cyane cyane iyo turi mu muhengeri:Yezu ategeka ibitubangamiye gutuza, bityo imbaraga za sekibi, ubwoba no kwiheba ntibibe bikidufiteho ububasha.

Mu muhamagaro wihariye wa buri wese muri twe, iyo miyaga ishobora kutumaramo imbaraga. Ndazirikana abafite inshingano zinyuranye mu muryango,abubatse ingo nkunze kwita mbikuye ku mutima “intwari’’; ndazirikana na none abahisemo ubuzima bw’abihayimana n’Abasaserdoti. Ndazirikana umunaniro mugira, kwibana rimwe na rimwe bisaba kugira umutima wihangana, akamenyero gashobora gutuma uko igihe cyicuma ikinyotera cy’umuhamagaro wanyu kigabanuka, umuzigo w’ibidafitiwe ibisubizo n’imiterere y’isi itamara kabiri n’ubwoba bw’ejo hazaza. Nimukomere, mwigira ubwoba! Yezu ari kumwe natwe kandi nitumwemera nka Nyagasani umwe rukumbi w’ubuzima bwacu, Araduhereza ikiganza adufate kugira ngo adukize.

Ng’uko uko niyo turi rwagati mu mivumba , ubuzima bwacu buhinduka igisingizo. **Igisingizo ni cyo kintu cya kane kiranga umuhamagaro**; igisingizo kirashaka kuturarikira kwikuzamo umugenzo waranze Bikira Mariya: kumenya no gushimira Imana ubuntu yamugiriye, maze kubera ukwemera ibyajyaga kumutera ubwoba no guhangayika abyereka Imana, ahasigaye mu butwari yiyegurira ubutorwe bwe, ubuzima bwe buhinduka igisingizo gihoraho cy’Imana.

Bavandimwe nkunda cyane, kuri uyu munsi wo gusenga dusabira abahamagarirwa ubutumwa muri Kiliziya, ariko no mu gikorwa cy'ikenurabushyo risanzwe mu miryango yacu, ndifuza ko Kiliziya yakora urugendo rugamije gushimangira ihamagarirwabutumwa;igafungura umutima wa buri muyoboke wa Kristu, kugira ngo buri wese ashobore kuvumbura icyo Imana imuhamagarira, agire ubutwari bwo kuvuga " yego", gutsinda intege nke yagiraga mu kwemera Kristu maze ashobore gutanga ubuzima bwe ho igisingizo cy'Imana agamije gukiza abavandimwe n'isi yose.

Umubyeyi Bikira Mariya aduherekeze kandi adusabire.

*Bikorewe i Roma, kuri Kiliziya yitiriwe Mutagatifu Yohaniw'iLatran , tarikiya 8 Werurwe, kucyumweru cya kabiri cy'Igisibo.*

*Papa Fransisiko*

Byahinduwe mu Kinyarwanda n'itsinda rya OPM / RWANDA